JEFFERSON COUNTY PUBLIC SCHOOLS

INZIRA NSHYA YO KUGANA MBERE

GUSUBIRA KU ISHURI: ICYO IMIRYANGO IGOMBA KUMENYA

JCPS izatangira gutanga amasomo atangirwa mu ishuri nyirizina kuwa 17 Werurwe 2021
Hitamo cyangwa uhindure amahitamo yawe ku kwigira mu ishuri nyirizina cyangwa kwigira kuri interineti ku mwana wawe.

Niba warahisemo amasomo yo mu ishuri nyirizina, wowe n'umwana wawe muriteguye?

- Shakisha aho bisi ihagarara/nomero za bisi, kandi usuzume ingamba zo kwirinda muri bisi. Imiryango ishobora guhamagara **485-RIDE** ku bibazo by'itwara mu cyumweru cya mbere cyo kujya ku ishuri.
- Ni ngombwa kwambara agapfukamunwa umunsi wose keretse umunyeshuri afite uruhushya rwa muganga. Niba umwana wawe yibagiwe, ataye cyangwa yanduje agapfukamunwa, azahabwa akandi.
- Genzura urutonde rw'ibikoresho byo ku ishuri ryawe, ubaze ku ishuri niba impuzankano zasabwaga mbere zizaba ngombwa.
- Vugurura amakuru yawe y'aho uboneka ku ishuri ryawe, wiyandikishe ku butumwa na CNXT by'ishuri kugira ngo ujye wakira amakuru ya JCPS n'ay'ishuri ry'umwana wawe.

Ku bindi bisobanuro: **www.jefferson.kyschools.us/back-school-0**

Dore uko ibyumweru bibiri bya mbere bizaba bimeze ku ngengabihe y'amashuri abanza:

AMATARIKI Y'ICYUMWERU CYA 1 N'ICYA 2	NINDE WIGA YIBEREYE MU ISHURI NYIRIZINA?
KUWA GATATU, TARIKI 17 WERURWE	• Amashuri y'incuke - abanyeshuri bo mu kiciro cya kabiri mu **itsinda A** (Izina ribanza/ry'umuryango ritangirwa na A - K) • Amashuri y'incuke -abanyeshuri bo mu kiciro cya kabiri bahabwa serivisi z'uburezi zidasanzwe **(ECE)**
KUWA KANE, TARIKI 18 WERURWE **KUWA GATANU, TARIKI 19 WERURWE**	• Amashuri y'incuke - abanyeshuri bo mu kiciro cya gatanu mu **itsinda B** (Izina ribanza/ry'umuryango ritangirwa na L–Z) • Abanyeshuri bo mu mashuri abanza bahabwa serivisi z'uburezi zidasanzwe **(ECE)**
KUWA MBERE, TARIKI 22 WERURWE **KUWA KABIRI, TARIKI 23 WERURWE**	• Amashuri y'incuke - abanyeshuri bo mu kiciro cya gatanu mu **itsinda A** (Izina ribanza/ry'umuryango ritangirwa na A - K) • Abanyeshuri bo mu mashuri abanza bahabwa serivisi z'uburezi zidasanzwe **(ECE)** • Abanyeshuri b'imyaka y'abato **itsinda A** (Izina ribanza/ry'umuryango ritangirwa na A - K)
KUWA GATATU, TARIKI 24 WERURWE	• **Umunsi wo kwigira kuri interineti ku banyeshuri bose**
KUWA KANE, TARIKI 25 WERURWE **KUWA GATANU, TARIKI 26 WERURWE**	• Amashuri y'incuke - abanyeshuri bo mu kiciro cya gatanu mu **itsinda B** (Izina ribanza/ry'umuryango ritangirwa na L–Z) • Abanyeshuri bo mu mashuri abanza bahabwa serivisi z'uburezi zidasanzwe **(ECE)** • Abanyeshuri b'imyaka y'abato **itsinda B** (Izina ribanza/ry'umuryango ritangirwa na L–Z)

Gahunda ya AA/BB izakomeza guhera aha ku banyeshuri barangije amashuri abanza n'abo mu mashuri yisumbuye mu itsinda A batangira amasomo mu ishuri nyirizina ku itariki ya **5 Mata**. Abanyeshuri barangije amashuri abanza n'abo mu mashuri yisumbuye mu itsinda B bazatangira ku itariki ya **8 Mata**.

JEFFERSON COUNTY PUBLIC SCHOOLS
P.O. Box 34020
Louisville, Kentucky 40232

FIRST CLASS
PRSRT
US POSTAGE
PAID
LOUISVILLE, KY
PERMIT #1163

AMASOMO ATANGIRWA KURI INTERINETI

Umwana wawe afite amahitamo yo kuguma mu masomo atangwa kuri interineti iminsi itanu mu cyumweru. Kwigira kuri interineti bizaba bisa n'ibyo umwana wawe arimo kubona muri iki gihe mu masomo atangwa mu buryo butamenyerewe (NTI). Umwarimu wa JCPS azayobora amasomo kuri interineti gusa, atanga amabwiriza akomeye akoresheje urubuga rumwe rwa Google Classroom abanyeshuri barimo gukoresha ubu.

AMASOMO ATANGIRWA MU ISHURI NYIRIZINA UGERERANYIJE N'ATANGIRWA KURI INTERINETI

Intego yacu ni uko abanyeshuri bagumana n'umwarimu (abarimu) wabo. Birashoboka ko habaho impinduka bitewe n'umubare w'abanyeshuri bahisemo kwigira mu ishuri nyirizina cyangwa kuri interineti.

Byateguwe, byahinduwe, kandi byacapwe na JCPS Materials Production | 71590 Comm_Reopening pstcrd dw 2/21